IBIKORWA BYA GUVERINOMA BYO MU RWEGO RW'UBUCURUZI

Dr. Ngirente Edouard

MINISITIRI W'INTEBE

11 NYAKANGA, 2019

INGINGO ZIGIZE IKI KIGANIRO

I. Intangiriro

II. Politiki, amategeko, imiryango mpuzamahanga u Rwanda rurimo n'amasezerano y'ubucuruzi yasinywe

III. Ibyagezweho mu rwego rwo guteza imbere ubucuruzi

IV. Ingamba n'ibiteganyijwe gukorwa 2017-2024

V. Umusozo

I. INTANGIRIRO

INTANGIRIRO…

- Muri rusange, ubucuruzi bugizwe n'ibice bibiri:
  - Ubucuruzi bw'ibintu (trade in goods): Ni ubucuruzi bw'ibikomoka ku buhinzi n'inganda;
  - Ubucuruzi bwa serivisi (trade in services): Ni ubucuruzi mu bwikorezi, mu bukerarugendo, mu itumanaho, n'ibindi;
- Ubu bucuruzi buruzuzanya, kandi bwombi bukorerwa imbere mu Gihugu (Domestic Trade), ndetse no mu mahanga (External Trade).

INTANGIRIRO…

❖**Ubucuruzi bw'imbere mu Gihugu (Domestic Trade) bugizwe:**

- Ubucuruzi bw'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi;
- Ubucuruzi bw'ibikomoka ku nganda;
- Ubucuruzi bwa serivisi.

INTANGIRIRO…

❖**Ubucuruzi n’amahanga (External Trade) bugizwe:**

1. Ibyoherezwa mu mahanga (Exports):

- Ibimenyerewe koherezwa mu mahanga (Traditional exports): Icyayi, ikawa, amabuye y’agaciro,…
- Ibishya byoherezwa mu mahanga (Non-traditional exports): Indabo, imboga, sima, matora,…
- Ibitumizwa bikagurishwa mu mahanga (Re-Exports): Mazutu, lisansi, imodoka, ibiribwa,…

INTANGIRIRO…

❖**Ubucuruzi n’amahanga (External Trade) ….**

2. Ibitumizwa mu mahanga (Imports):

- Ibikoresho by’ibanze bikenerwa buri munsi (Consumer goods): Ibiribwa, ibinyobwa, imyambaro,…
- Ibikoreshwa mu bwikorezi n’imashini (Capital goods): Amakamyo, imashini,…
- Ibikoreshwa mu bwubatsi n’inganda (Intermediary goods): Sima, ferabeto,…
- Ibitanga ingufu (Energy products): Ibikomoka kuri peteroli,…

II. POLITIKI, AMATEGEKO, IMIRYANGO MPUZAMAHANGA U RWANDA RURIMO N'AMASEZERANO Y'UBUCURUZI YASINYWE

POLITIKI ZIGENGA UBUCURUZI

❖ Zimwe muri izo ni izi zikurikira:

1. Politiki y'ubucuruzi (Trade Policy of 2010);
2. Politiki yo guteza imbere ibikorerwa mu Rwanda (Made in Rwanda Policy 2018);
3. Politiki igamije kurengera umutungo bwite mu by'ubwenge (Intellectual Property Policy, 2018);
5. Politiki yerekeye ihiganwa mu bucuruzi no kurengera abaguzi (Competition and Consumer Protection Policy, 2010);
6. Politiki y'ubukerarugendo (National Tourism Policy 2009).

AMATEGEKO AGENGA UBUCURUZI

❖ Amwe muri ayo mategeko ni aya akurikira:

1. Itegeko rigenga amasosiyete y'ubucuruzi (Law N°17/2018 of 13/04/2018 Governing Companies);
2. Itegeko rigenga ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri (Law N° 58/2018 of 13/08/2018 on mining and quarry operations);
3. Itegeko rigenga ubucuruzi bwa peteroli n'ibiyikomokaho (Law N°85/2013 of 11/9/2013 regulating petroleum and petroleum products trade in Rwanda);
4. Itegeko rigenga ihiganwa mu bucuruzi no kurengera abaguzi (Law N° 36/2012 of 21/09/2012 relating to competition and consumer protection).

AMASEZERANO Y'UBUCURUZI

- Muri **1996**, u Rwanda rwasinye amasezerano yo kwinjira mu Muryango Mpuzamahanga w'Ubucuruzi (WTO);

- Muri **2004**, u Rwanda rwasinye amasezerano yo kwinjira mu Muryango w'Ibihugu by'Afurika y'Iburasirazuba n'Amajyepfo (COMESA);

- Muri **2007**, u Rwanda rwasinye amasezerano yo kwinjira mu Muryango w'Ibihugu by'Afurika y'Iburasirazuba (EAC);

- Muri **2015**, u Rwanda rwasinye amasezerano yo kwinjira mu Muryango w'Ibihugu by'Afurika yo hagati (ECCAS).

AMASEZERANO YASINYWE...

- Muri **2015** kandi, u Rwanda rwasinye amasezerano ahuza ibihugu bya EAC, COMESA na SADC (Umuryango w'Iterambere ry'Ibihugu by'Afurika y'Amajyepfo) yasinywe agamije gushyiraho ubuhahirane butagira umupaka (Tripartite Free Trade Area (TFTA);

- Muri **2016**, u Rwanda rwasinye amasezerano hamwe n'Umuryango w'Ibihugu by'Iburayi (EAC-EU/Economic Partnership Agreement);

- Muri **2018**, u Rwanda rwasinye amasezerano agamije kunoza ubuhahirane hagati y'ibihugu by'Afurika (AfCFTA) i Kigali tariki 21 Werurwe.

AMASEZERANO YASINYWE...

- Ishyirwa mu bikorwa ry'aya masezerano ryatangajwe ku mugaragaro mu nama y'Abakuru b'ibihugu by'Afurika yabereye i Niamey muri Niger ku itariki ya 7 Nyakanga, 2019.
- Aya masezerano agamije mbere na mbere gushyiraho isoko rusange ry'Afurika (single continental market):
  - Horoshywa ubucuruzi bw'ibintu (free movement of goods),
  - Horoshywa ubucuruzi bwa serivisi (free movement of services);
  - Horoshywa urujya n'uruza rw'abashoramari n'ishoramari (free movement of business persons, investors and investments);
  - Hakurwaho izindi mbogamizi z'ubucuruzi zitari amahoro (removal of non-tariff barriers).

III. IBYAGEZWEHO MU RWEGO RWO GUTEZA IMBERE UBUCURUZI

III.1. GUTEZA IMBERE UBUCURUZI BW'IMBERE MU GIHUGU

(DOMESTIC TRADE)

UBUCURUZI BW'IMBERE MU GIHUGU

- Hari byinshi byagezweho mu rwego rwo kwagura no guteza imbere ubucuruzi;

- Ibipimo mpuzamahanga bitandukanye byerekana ko u Rwanda ruhagaze neza ku byerekeye ibikorwaremezo mu rwego rwo guteza imbere ubucuruzi n'ishoramari;

Bimwe muri ibyo bipimo ni ibi bikurikira:

IBIPIMO MPUZAMAHANGA KU BIKORWAREMEZO BYO GUTEZA IMBERE UBUCURUZI

- Igipimo mpuzamahanga cyerekana aho igihugu gihagaze mu rwego rwo kunoza ibikwa, n'iherererekanywa ry'ibicuruzwa *(World Bank logistic performance index - LPI)* kerekana ko:
  - Mu 2018, ku bihugu 160 u Rwanda rwari urwa 57 ruvuye ku mwanya wa 62 muri 2016;
  - Mu karere u Rwanda ni urwa 1.

IBIPIMO MPUZAMAHANGA...

Mu rwego rwo koroshya ubucuruzi n'ishoramari,

- Raporo ya Banki y'Isi yerekana aho igihugu gihagaze mu rwego rwo koroshya ubucuruzi n'ishoramari (*the 2019 World Bank Doing Business Report*) igaragaza ko:
  - U Rwanda ari urwa 1 mu karere (EAC);
  - U Rwanda rukaba ari urwa 2 muri Afurika;
  - Rukaba n'urwa 29 ku isi ruvuye ku mwanya wa 41 rwariho muri raporo y'umwaka ushize wa 2018.

BIMWE MU BIKORWAREMEZO BYUBATSWE MU RWEGO RWO GUTEZA IMBERE UBUCURUZI

- Mu rwego rwo guteza imbere ubucuruzi n'ibihugu duturanye, mu myaka 3 ishize hubatswe amasoko 5 agamije guteza imbere ubucuruzi bwambukiranya imipaka (Cross Border Markets): Cyanika, Rubavu, Karongi, Rusizi n'Akanyaru;

- Hagamijwe kunoza serivisi zihabwa abinjira n'abasohoka mu Rwanda, mu myaka 10 ishize hubatswe ibiro by'imipaka 6 bihuriweho n'ibihugu duhana imbibi (*One Stop Border Posts):* Rusumo, Kagitumba, Ruhwa, Nemba, Rubavu (*la Corniche or Grande Barrière)* na Gatuna;

IBIKORWAREMEZO…

- Mu gufasha abacuruzi n'abahinzi kubona aho babika ibicuruzwa n'umusaruro byabo, hubatswe ububiko busanzwe (warehouses) 89 n'ububiko bukonjesha (cold rooms) 52, ubwinshi muri ubu (47) bwubatswe mu myaka 3 ishize;

- Mu rwego rwo guteza imbere ubucuruzi, ubu mu Rwanda hari amasoko yubatse 520;

IBIKORWAREMEZO…

- Mu rwego rwo guteza imbere ubucuruzi n'ubuziranenge bw'amata, hubatswe amakusanyirizo 126.
  - 76 yubatswe na Leta mu myaka 7 ishize;
  - 16 yubatswe n'abikorera (aborozi);
  - 34 yubatswe mbere ya 2012;

- Muri 2018 hubatswe kandi amakusanyirizo mato (MCPs)100.

IBIKORWAREMEZO…

- Mu rwego rwo guteza imbere ubucuruzi bw'ibirayi, mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2018/19 hubatswe amakusanyirizo 14. Muri uyu mwaka w'ingengo y'imari wa 2019/20 andi 29 azaba yuzuye.

- Hakozwe igishushanyo mbonera cy'amasoko (Market Infrastructure Master Plan) hagamijwe kunoza imyubakire yayo ijyanye n'icyerekezo cy'Igihugu.

IBIKORWAREMEZO…

❖ Mu rwego rwo koroshya ubuhahirane no kugeza ibicuruzwa ku isoko, Leta y'u Rwanda ikomeje gushyira imbaraga mu kubaka imihanda.

❑ Ubu, uburebure bw'imihanda yose (total road network) mu Gihugu ni km 38.803,4.

- Imihanda yo ku rwego rw'Igihugu: km 2.749;
- Imihanda y'Uturere n'Umujyi wa Kigali ibyiciro byombi: km 13.565
- Indi mihanda (specific & unclassified roads): km 22.489,4

IBIKORWAREMEZO...

❖Ku birebana n'ingo zifite amashanyarazi, twavuye kuri 20% muri 2013 tugera kuri 46.5% muri 2018, bingana n'izamuka rya 133%.



IBIKORWAREMEZO…

❖ U Rwanda kandi rukomeje gushyira imbaraga mu bikorwa remezo by'ikoranabuhanga hagamijwe kuvugurura imitangire ya serivisi mu bucuruzi:

- Abanyarwanda bagerwaho na murandasi basaga 52% (Internet penetration);
- 95% by'Igihugu bigerwaho n'umuyoboro wa murandasi yihuta (Fiber network coverage);
- Mu Gihugu hose hagera 4G (4GLTE network country wide);
- Abanyarwanda basaga 77% batunze telefoni zigendanwa (Mobile Phone penetration).

AMAKOPERATIVE YASHYIZWEHO

❖ Mu rwego rwo kunoza ubucuruzi mu nzego z'ubukungu zitandukanye, hamaze gushyirwaho amakoperative asaga 9.000.

❖Mu rwego rwo kunoza imikorere yazo:

- Havuguruwe politiki igenga amakoperative mu Rwanda;
- Itegeko ry'amakoperative ririmo kuvugururwa;
- Harimo gukorwa igenzura mu mikorere y'amakoperative;
- Hakomeje igikorwa cyo kuvugurura inzego no kuzubakira ubushobozi.

IBYAGEZWEHO…

❖Guverinoma ikomeje gushyira imbaraga kandi mu guteza imbere uruhererekane nyongeragaciro mu bucuruzi bwa buri gihingwa (Commodity Value Chain Trade Development).

IBYAGEZWEHO MU RWEGO RWO GUSAGURIRA AMASOKO MU RWEGO RW'UBUHINZI N'UBWOROZI

INGERO:

1. IBIRAYI



Umusaruro wariyongereye kubera:

- Ikoreshwa ry'ifumbire n'imbuto z'indobanure.
- Ubutaka buhingwa bwahujwe (land consolidated) bwiyongereye ku kigero cya 35% mu myaka itanu ishize (2013 – 2018).

2. UMUCERI



Umusaruro wariyongereye kubera:

- Ubutaka buhingwa bwahujwe (land consolidated) bwiyongereye ku kigero cya 119% mu myaka itanu ishize (2013 – 2018).
- Gukoresha inyongeramusaruro neza.

3. IBIGORI



Umusaruro wariyongereye kubera:

- Ikoreshwa ry'ifumbire n'imbuto z'indobanure.
- Ubutaka buhingwa bwahujwe (land consolidated) bwiyongereye ku kigero cya 41% mu myaka itanu ishize (2013 – 2018).

4. AMATA



Umukamo wariyongereye:

- Kubera ko ubworozi bwavuguruwe.

IBYAGEZWEHO MU RWEGO RWO KONGERA UMUSARURO AGACIRO K'IBYACURUJWE/IGICURUZO CYAWO MU RWEGO RW'INGANDA NA SERIVISI



- Mu 2018 ugereranyije na 2013, agaciro k'ibyagurishijwe/ igicuruzo rusange (*total turnover)* mu nganda na serivisi cyariyongereye ku kigero gishimishije cya 197.2%.

MU RWEGO RW'INGANDA



❖Mu 2018 ugereranyije na 2013, agaciro k'ibyagurishijwe /igicuruzo (*total turnover)* mu nganda cyariyongereye ku kigero cya 76.5% cyane cyane bitewe nuko:

- Ibikorerwa mu nganda *(Manufacturing)* byiyongereye ku kigero cya 100.3%
- Ubwubatsi, bwiyongereye ku kigero *cya 84.3%*

MU RWEGO RWA SERIVISI



❖Mu 2018 ugereranyije na 2013, agaciro k'ibyagurishijwe/igicuruzo (*total turnover)* muri Serivisi (Services) cyariyongereye ku kigero cya 105.0% cyane cyane bitewe nuko:

- Ubucuruzi mu bwikorezi: +132.0%
- Ubucuruzi mu ma hoteri: +84.3%;
- Ibikorwa byo mu kuranguza no kudandaza (w*holesale & retail)*: +142.5%.

UBUCURUZI BW'IMBERE MU GIHUGU...

(UMUTUNGO BWITE MU BY'UBWENGE)



- Guverinoma yakomeje gukangurira abafite ibihangano kumva akamaro ko kwandikisha ibihangano byabo mu rwego rwo kubirinda.

ISHORAMARI





Mu 2018 ugereranije na 2013:

- Ishoramari riturutse hanze (FDI) ryiyongereye ku kigero cya 18.6% naho ishoramari rusange (total private flows) ryazamutse ku kigero cya 9.6%.

III.2 UBUCURUZI N'AMAHANGA (EXTERNAL TRADE)

ISHUSHO Y'UBUCURUZI BW'U RWANDA N'AMAHANGA 2013 - 2018

Ikinyuranyo rusange mu bucuruzi n'amahanga (overall trade balance: 2013 - 2018)



- Icyuho rusange (Overall trade deficit) gituruka ahanini mu bucuruzi bwanditse (*formal trade);*

- Mu bucuruzi butanditse (*Informal Crosss Border Trade) u* Rwanda rufite umurengera (*trade surplus), aho* ibyoherejwe mu mahanga bigizwe ahanini n'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi;

INKOMOKO Y'ICYUHO
(ORIGIN OF TRADE DEFICIT)



Icyuho (Trade deficit):

❖Mu bucuruzi bwa serivisi:

- Cyatewe ahanini n'ubwikorezi bw'ibintu ku butaka (amakamyo yo hanze akodeshwa akura ibicuruzwa (goods) ku byambu bya Mombasa na Dar es salaam);
- Ubwikorezi bw'ibintu mu nyanja (serivisi z'amato y'amahanga akodeshwa);
- Ubwikorezi bw'ibintu (goods) mu kirere (Air freight/cargo transport).

❖Mu bucuruzi bw'ibintu (trade in goods): icyuho kiva ahanini ku itumizwa mu mahanga ry'ibikoresho bikoreshwa mu nganda, mu bwubatsi n'ibiribwa n'ibikoresha mu ngo.

❖Icyuho gituruka ahanini ku bucuruzi bw'ibintu (Trade in Goods).

IBYOHEREZWA MU MAHANGA
(EXPORTS OF GOODS BY CATEGORY)

Ibimenyerewe koherezwa mu mahanga (Traditional Exports):

- Ikawa
- Icyayi
- Ibireti
- Impu
- Amabuye y'agaciro

Ibishya byoherezwa mu mahanga (Non-Tradional Exports):

- Ibyuma (Iron and Steel)
- Imyenda (Textiles)
- Matora
- Indabo
- Imboga n'ibinyabijumba (Edible Vegetables, Roots and Tubers)
- Ifu (Products of the milling industry)

Ibitumizwa bikagurishwa mu mahanga (Re-Exports)

- Ibikomoka kuri peteroli
- Imashini na za moteri
- Imodoka

KWAGUKA KW'IBYOHEREJWE MU MAHANGA (EXPORTS DIVERSIFICATION OF GOODS)



❖Ibyoherejwe mu mahanga byaragutse (exports diversification):

- **Ibishya byoherezwa mu mahanga (Non-Tradional Exports):** byavuye kuri 14% mu 2013 bigera kuri 36% mu 2018.
- **Ibitumizwa bikagurishwa mu mahanga (Re-Exports):** byavuye kuri 24% mu 2013 bigera kuri 33% mu 2018;
- **Ibimenyerewe koherezwa mu mahanga (Traditional Exports):** byaragabanyutse mu gaciro (value) biva kuri 62% mu 2013 bigera kuri 31% mu 2018.

IBYOHEREZWA HANZE
(FORMAL EXPORTS OF GOODS BY CATEGORY)…



- Agaciro (value) k'ibyoherezwa mu mahanga kakomeje kwiyongera ku kigero cya 73.8% bitewe:
  - **Ibishya byoherezwa mu mahanga (Non-Tradional Exports):** byazamutse ku kigero cya 337.2% mu 2018 ugereranyije na 2013;
  - **Ibitumizwa bikagurishwa mu mahanga (Re-Exports):** byazamutse ku kigero cya 140.6% mu 2018 ugereranyije na 2013;
  - **Ibimenyerewe koherezwa mu mahanga (Traditional Exports):** byaragabanutse ku kigero cya 12.2% mu 2018 ugereranyije na 2013 bitewe n'imanuka ry'ibiciro ku isoko mpuzamahanga.

IBITUMIZWA MU MAHANGA
(FORMAL IMPORTS OF GOODS BY CATEGORIES)



Ugereranije 2018 na 2010:

- Ibikoreshwa mu nganda no mu bwubatsi nibyo byiyongera cyane:
  - *Capital Goods* (+92%)
  - *Intermediay Goods* (+75%)
- Ibikoreshwa mu ngo:
  - *Consumer Goods* (+74%)
- Ibijyanye n'ingufu:
  - *Energy products* (+46%)

ICYUHO MU BUCURUZI BWA SERIVISI
(TRADE DEFICIT IN TRADE SERVICE)



- U Rwanda rufite umurengera mu bucuruzi bwa serivisi (Trade surplus) uturuka mu:
  - Bukerarugendo;
  - Serivisi zitangwa na Leta.
- Icyuho (trade deficit) mu bucuruzi bwa serivisi cyatewe ahanini n'ubucuruzi mu bwikorezi (Transport sector).

INKOMOKO Y'ICYUHO MU BWIKOREZI
(ORIGIN OF TRADE DEFICIT IN TRANSPORT SECTOR)



Ugereranije 2018 na 2013 u Rwanda rufite:

- Umurengera (Trade surplus) mu bwikorezi bw'abantu mu kirere (Air Passenger Transport),
- Naho icyuho (Trade Deficit) mu bwikorezi cyatewe ahanini na:
  - Ubwikorezi bw'ibicuruzwa ku butaka (Road freight transport),
  - Ubwikorezi bw'ibicuruzwa mu nyanja (Sea freight transport),
  - Ubwikorezi bw'ibicuruzwa mu kirere (Air freight/cargo transport).

II.2.2 UBUCURUZI N'IBIHUGU BY'IBITURANYI (INFORMAL CROSS BORDER TRADE)

UBUCURUZI BUTANDITSE N'IBIHUGU BY'IBITURANYI (INFORMAL CROSS BORDER TRADE)



- U Rwanda rwagize umurengera (trade surplus) mu bucuruzi butanditse n'ibihugu by'ibituranyi (informal cross border trade) ingana na US$ 105 Miliyoni muri 2018.

- Ibyoherejwe mu mahanga, bigizwe ahanini n'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi.

II.2.3 UBUCURUZI N'IBIHUGU BYO MU KARERE (FORMAL TRADE WITH EAC)

UBUCURUZI N'IBIHUGU BYO MU KARERE
(FORMAL TRADE WITH EAC)



Muri 2018:

- Ubucuruzi n'ibihugu bya EAC bufite 17.6% bw'ibyo u Rwanda rwohereza mu mahanga byose.
- Ibyo u Rwanda rwohereza muri EAC bigizwe ahanini n'imboga, impu, amata, imodoka yakoreshejwe ndetse n'ikawa.
- Ibyo rukura mu karere bigizwe ahanini na sima, umuceri, ubunyobwa, imbuto n'imboga.

UBUCURUZI N'AMAHANGA (FORMAL TRADE)…
2017 - 2018

UBUCURUZI	2017		2018		Ihinduka (% change)	
	Mln USD	Tone	Mln USD	Tone	Agaciro (Value)	Ingano (Volume)
IBYOHEREZWA MU MAHANGA (EXPORTS)	943.5	634,574	995.7	742,280	▲5.5%	▲17.0%
Ikawa	64.1	18,671	68.7	21,022	▲7.2%	▲12.6%
Icyayi	84.3	26,243	90.5	30,903	▲7.4%	▲17.8%
Amabuye y'agaciro	125.0	8,008	142.2	8,314	▲13.8%	▲3.8%
Ibindi byoherezwa mu mahanga	670.2	581,652	694.4	682,040	▲3.6%	▲17.3%
IBITUMIZWA MU MAHANGA (IMPORTS)	2,215.4	2,093,150	2,425.0	2,314,788	▲9.5%	▲10.6%
Ibikoresho by'ibanze (Consumer goods)	746.7	805,369	762.4	851,966	▲2.1%	▲5.8%
Ibikoreshwa mu bwikorezi n'imashini (Capital goods)	620.2	62,603	684.8	78,372	▲10.4%	▲25.2%
Ibikoreshwa mu bwubatsi n'inganda (Intermediate goods)	596.2	902,604	670.0	1,016,239	▲12.4%	▲12.6%
Ibitanga ingufu (Energy and lubricants)	252.3	322,574	307.8	368,211	▲22.0%	▲14.1%
ICYUHO (TRADE DEFICIT)	1,271.8	1,458,576	1,429.3	1,572,508	▲12.4%	▲7.8%

UBUCURUZI N'AMAHANGA (FORMAL TRADE)…

Mu 2018 ugereranyije na 2017:

- Agaciro k'ibyoherezwa mu mahanga kiyongereye ku kigero cya 5,5% mu gihe umusaruro (volume) wo wiyongereye ku kigero cya cya 17%.
  - Kuba izamuka atari rinini cyane (5,5%) byaturutse ku igabanuka ry'ibiciro by'icyayi (-8,8%), ikawa (-4,8%) ku isoko mpuzamahanga.
- Agaciro k'ibitumizwa mu mahanga ko kiyongereye ku kigero cya 9,5% mu gihe ingano (volume) yo yiyongereye ku kigero cya 10,6%.
  - Iri zamuka (9,5%) ryatewe ahanini n'izamuka ry'itumizwa hanze ry'ibikoreshwa mu by'ubwubatsi ku mishinga minini nk'ikibuga cy'indege cya Bugesera, "*peat power plant*" muri Gisagara, imihanda ndetse hakiyongeraho n'ibikomoka kuri peteroli.

UBUCURUZI N'AMAHANGA (FORMAL TRADE)…

Mu 2018 ugereranyije na 2017:

- Agaciro k'ikawa yoherejwe mu mahanga kiyongereye ku kigero cya 7,2%. Ibi byaturutse ku musaruro wayo wazamutse ku kigero cya 12,6%.

- Agaciro k'icyayi cyoherejwe mu mahanga kiyongereye ku kigero cya 7,4% bitewe n'uko umusaruro wacyo wiyongereye ku kigero cya 17,8%.

- Agaciro k'amabuye y'agaciro yoherezwa mu mahanga kiyongereye ku kigero cya 13,8% bitewe n'uko igiciro cyayo ku isoko mpuzamahanga cyazamutse ku kigero cya 18,4%.

UBUCURUZI N'AMAHANGA (FORMAL TRADE)…
AHO IBICURUZWA BIJYA (EXPORTS DESTINATION)



Aho ibyo u Rwanda rwohereza mu mahanga bijya:

- Ahanini, mu 2018, U Rwanda rwohereje ibicuruzwa byarwo (formal marchandize exports) muri Aziya y'Iburasirazuba, EAC, Uburayi na DRC.

UBUCURUZI N'AMAHANGA (FORMAL TRADE)…
AHO IBICURUZWA BIVA (IMPORTS ORIGIN)



Aho ibyo u Rwanda rutumiza mu mahanga biva:

- Ahanini, mu 2018, U Rwanda rwatumije ibicuruzwa muri Aziya, EAC n'Uburayi.

UBUCURUZI N'AMAHANGA
(MUTARAMA – GICURASI 2019)

Ubucuruzi n'amahanga (Formal Trade of Goods, January - May 2019)

Ubucuruzi	MUTARAMA – GICURASI 2018		MUTARAMA – GICURASI 2019		% IHINDUKA (% CHANGE)	
	Value Mln USD	Volume Tons	Value Mln USD	Volume Tons	Value	Volume
Ibyoherejwe mu mahanga (Exports)	382.1	308,066	431	523,012	▲12.8%	▲69.8%
Ibyatumijwe mu mahanga (Imports)	943.4	895,033	1,101.9	905,616	▲16.8%	▲1.2%
Icyuho (Trade Deficit)	561.3	586,967	670.9	382,604.1	▲19.5%	▼-34.8%

UBUCURUZI N'AMAHANGA
(MUTARAMA – GICURASI 2019)

- Amafaranga aturuka mu kohereza ibintu mu mahanga (exports) yiyongereye ku kigero cya 12.8% ugeraganyije na Mutarama – Gicurasi 2018. Iri zamuka ryaturutse ahanini:
  - Ifu (milling products) yoherejewe mu mahanga yazamutse ku kigero cya 88.2%, naho imboga (edible vegetables, roots and tubers) ziyongereye ku kigero cya 236%.
- Ibitumizwa mu mahanga (imports) nabyo byarazamutse ku kigero cya 16.8%, ahanini bikaba byaraturutse ku bikoresho by'ubwubatsi (+66.5%), imashini n'ibikoresho byazo (*machines and devices,+37.5%*), n'ibikoresho nkenerwa bya buri munsi (*consumer goods)* birimo imiti (+31.3%).
- Icyuho (trade deficit) cyagabanyutse ku kigero cya 34.8% mu ngano (volume) bitewe nuko ingano y'ibyo twohereje mu mahanga iruta iy'ibyo twatumije.

UBUCURUZI N'AMAHANGA
(MUTARAMA – GICURASI 2019)

Ubucuruzi na EAC (Formal Trade of Goods with EAC, January – May 2019)

Ubucuruzi na EAC	Mutarama - Gicurasi 2018	Mutarama - Gicurasi 2019	% ihinduka (% change)
Ibyoherejwe hanze (Exports)	43.4	106.8	▲ +146.2
Ibyatumijwe hanze (Imports)	203.6	191.6	▼-5.9
Icyuho (Trade Deficit)	160.2	84.8	▼- 47.1

UBUCURUZI N'AMAHANGA
(MUTARAMA – GICURASI 2019)

- Mu bucuruzi na EAC, Icyuho (trade deficit) cyagabanyutseho 47.1%, ibi byatewe n'uko ibyo u Rwanda rwohereje muri EAC (exports) byiyongereye ku kigero cya 146.2% mu gihe ibyo u Rwanda rwatumije muri EAC (imports) byagabanyutse ku kigero cya 5.9%.

IBYAGEZWEHO MURI GAHUNDA YA GUVERINOMA YO GUTEZA IMBERE IBIKORERWA MU RWANDA

Inyungu zo gushyira mu bikorwa politiki y'ibikorerwa mu Rwanda



Muri 2018 ugereranije na 2016 bimwe mu byoherezwa mu mahanga byariyongereye, ahanini byatewe n'ishyirwa mu bikorwa rya Politiki y'ibikorerwa mu Rwanda (Made in Rwanda Policy).

URUHARE RW'UBUCURUZI UGEREREANYIJE NA GDP (VALUE OF TRADE TO GDP)

❖Muri rusange, kuva 2010 – 2018 ingano y'ubucuruzi tugereranyije n'umusaruro mbumbe (value of trade to GDP) igenda yiyongera (a positive trend). Ibi bivuze ko ubucuruzi bugenda burushaho kugira uruhare runini mu bukungu bw'i Gihugu.



- 2016: Ubucuruzi n'amahanga bwaragabanutse cyane cyane bitewe n'igabanyuka ry'ibiciro ku isoko mpuzamahanga.
- Guhera 2017 ubucuruzi bwongeye kugenda buzamuka.

IV. INGAMBA N’IBITEGANYIJWE GUKORWA 2017-2024

INGAMBA N'IBITEGANYIJWE GUKORWA 2017-2024

- Kuvugurura politiki, amategeko n'amabwiriza hagamijwe kurushaho kunoza ubucuruzi bw'imbere mu Gihugu ndetse n'ingamba zo guteza imbere ubucuruzi bwambukiranya imipaka;

- Kongera ubwinshi by'ibyoherezwa mu mahanga (increasing exports as well as export diversification);

- Gukangurira abikorera gushora imari yabo mu musaruro nyongeragaciro (value addition) w'ibicuruzwa byoherezwa ku isoko mpuzamahanga;

INGAMBA N'IBITEGANYIJWE GUKORWA 2017-2024...

- Gukomeza ubukangurambaga ku bikorerwa iwacu no kubimenyekanisha ku masoko mpuzamahanga ku bufatanye n'abikorera;

- Gushyiraho ingamba zirebana n'ubucuruzi bwa serivisi (Trade in Services Strategy);

- Gushyiraho ibarurishamibare rihamye rigaragaza ubucuruzi bw'imbere mu Gihugu haba ku bucuruzi bw'ibintu cyangwa bwa serivisi (Collect, analyze and disseminate Domestic Trade in Goods and Services Statistics);

INGAMBA N'IBITEGANYIJWE GUKORWA 2017-2024...

- Ku bufatanye n'abikorera, hateganijwe kubaka ibyanya by'ububiko (Bonded Warehouse) muri Rubavu na Rusizi mu rwego rwo gukomeza kwihutisha no gukora ubucuruzi bw'umwuga;

- Gukomeza gushishikariza abahinzi n'aborozi kwibumbira mu makoperative abafasha kujyana umusaruro wabo ku isoko;

- Gufasha abahinzi n'aborozi kubona ibikoresho bibafasha gutunganya umusaruro wabo bijyanye n'ibisabwa n'isoko;

INGAMBA N’IBITEGANYIJWE GUKORWA 2017-2024…

- Gukomeza gushishikariza abikorera gushora imari mu nganda zitunganya umusaruro w’ibikomoka ku buhinzi n’ubworozi hagamijwe kongera no kunoza umusaruro ujya ku isoko;

- Gukomeza kunoza uruhererekane nyongeragaciro (value chain) mu bucuruzi bw’ibihingwa bitandukanye hagamijwe kunoza ubucuruzi bwabyo;

- Gukomeza kunoza uburyo bwo guhugura abahinzi kubara igiciro fatizo cy’umuhinzi/umworozi hitabwa ku gishoro akoresha n’inyungu akwiye kubona bizamufasha kugurisha adahenzwe;

INGAMBA N'IBITEGANYIJWE GUKORWA 2017-2024...

- Ku birebana n'ubwanikiro n'ubuhunikiro mu rwego rw'ubuhinzi, mu ngengo y'imari ya 2019/20, Leta y'u Rwanda yateganije:
  - Kubaka nibura ubwanikiro (drying shelters) 700 mu Turere dutandukanye tw'Igihugu
  - Kugura imashini zumisha zimurwa (mobile dryers) 10
  - Kubaka ubuhunikiro buhagije.

INGAMBA N'IBITEGANYIJWE GUKORWA 2017-2024...

- Kongera imbaraga mu gutanga amakuru ku bisabwa ku masoko mpuzamahanga;
- Kunoza gahunda yo gufata neza no gusana amasoko;
- Hazongerwa imbaraga mu Kigo cy'Igihugu Gishinzwe Ubugenzuzi bw'Ubuziranenge, Ihiganwa mu Bucuruzi no Kurengera Umuguzi (RICA);
- Hazavugururwa Politiki y'ubucuruzi, politiki y'ihiganwa no kurengera abaguzi, politiki iteza imbere ubucuruzi bwambukiranya imipaka, na politiki y'ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga;

INGAMBA N'IBITEGANYIJWE GUKORWA 2017-2024...

- ❖Hazashyirwaho Politiki igenga ubucuruzi bw'uruhererekane (Multilevel Marketing Schemes);
- ❖Ku bufatanye na Banki y'Isi na Banki Nyafurika Itsura Amajyambere hateganyijwe kubakwa andi masoko ane ku mipaka ya Rusumo, Kagitumba, Nyamasheke ndetse na Bugarama.
- ❖Hazemezwa amasezerano yose u Rwanda rwasinye mu bijyanye no guteza imbere ubucuruzi;
- ❖ Hazashyirwaho ibindi bigo (centers) bizafasha abanyeshuri gukora ubuvumbuzi bucirirtse cyangwa bw'inyongera buteza imbere inganda n'ubucuruzi.

UMUSOZO

- Guverinoma irashimira Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi, ku ruhare rwayo mu gukurikirana no gutanga inama zigamije kunoza ishyirwa mu bikorwa rya gahunda zitandukanye za Guverinoma, by'umwihariko ibyerekeye ibikorwa biteza imbere ubucuruzi n'ubuhahirane n'amahanga.

- Turabashimira ibitekerezo muza kuduha uyu munsi.

- Twiteguye kandi, kwakira ibibazo ahakenewe ibisobanuro ku kiganiro maze kubagezaho.

MURAKOZE